IBYEMEZO BY'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA NYAMAGABE YATERANYE KU WA 30 KAMENA 2013.

Ku Cyumweru tariki ya 30 Kamena 2013; mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Nyamagabe "Hope House" hateraniye Inama Njyanama y'Akarere mu nama yayo idasanzwe.

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe, Bwana ZINARIZIMA Diogène, amaze gusuzuma ko umubare wa ngombwa ugenwa n'itegeko (nibura 2/3 by'abagize Inama Njyanama y'Akarere) wuzuye; yatangije inama aranayiyobora. Inama yitabiriwe n'Abajyanama 21 kuri 31 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Nyamagabe.

Inama yitabiriwe kandi na bamwe mu bagize inteko ishinga amategeko y'u Rwanda ari bo Depite NYANDWI Joseph Desire na Depite UWIMANA Esperance. Abandi bitabiriye inama ni intumwa ya Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Bwana BIZUMUREMYI Jean Damascene hamwe n'ukuriye Ingabo mu Karere ka Nyamagabe na Nyaruguru, Colonel KANIMBA Callixte.

Abandi bari batumiwe mu nama kandi bakanayitabira ni abakozi bose bakorera ku Karere, Abayobozi b'Inama Njyanama z'Imirenge, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Utugari twose, Abakuriye serivisi zitandukanye zikorera mu Karere, abikorera ndetse n'abafatanyabikorwa batandukanye bakorera mu Karere.

Umuyobozi w'Inama Njyanama yibukije abitabiriye inama ingingo ziteganyijwe ku murongo w'ibyigwa arizo zikurikira:

1. Kungurana ibitekerezo ku ngamba zo kongera ibikorwa by' ishoramari mu Karere ka Nyamagabe.
2. Gusuzuma no kwemeza tarif nshya y'imisoro n'amahoro mu Karere ka Nyamagabe;
3. Gusuzuma raporo ya Komite Nyobozi igaragaza ibyakozwe n'uko umutungo wakoreshejwe mu mwaka urangiye wa2012-2013.
4. Gusuzuma no kwemeza ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe, ibikorwa bijyanye nayo ndetse n'imihigo byo mu mwaka wa 2013-2014

I. KUNGURANA IBITEKEREZO KU NGAMBA ZO KONGERA IBIKORWA BY' ISHORAMARI MU KARERE KA NYAMAGABE

Abagize Komite Nyobozi bagejeje ku bagize Inama Njyanama aho dosiye eshatu z'ibibanza abashoramari basabye zigeze ku buryo bukurikira:

Ku kibanza cyasabwe (ahasanzwe ubu hari isoko rya Nyamagabe) ngo hubakwemo isoko rya kijyambere hamwe n'ikibanza cyasabwe (ahazwi ku izina rya "promotion feminine") ngo hubakwemo igorofa rigezweho ryo gucururizamo; Abajyanama basanze ku bibanza byombi harakozwe igenagaciro ryabyo n'ibibirimo(nk'uko byasabwe n'Inama Njyanama ibanziriza iyi) mu buryo bukurikira:

Igenagaciro ryakozwe ahazubakwa isoko rya kijyambere ringana na193,400,000 RWF

Igenagaciro ryakozwe ahifuzwa kubakwa igorofa ryo gucururizamo ringana na34,000,000 RWF.

Ku bibanza byombi, ubu hategerejwe ko Rwanda Housing Authority ishyikirizwa igenagaciro ryakozwe kugira ngo iryemeze ku buryo bwa burundu kuko niyo ibifite mu nshingano zayo. Inama Njyanama yemeje ku bwumvikane busesuye ko Rwanda Housing Authority nimara kwemeza burundu igenagaciro ryakozwe ; Komite Nyobozi izereka "companies" zasabye ibibanza uko igenagaciro ryakozwe rihagaze . Inama Njyanama yemeje kandi ku bwumvikane busesuye ko ibirebana n'izi dosiye byose bisigaye bitararangira bizajya bisuzumirwa mu nama ihuza Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi, maze uko umwanzuro bazaba bumvikanyeho washyizwe mu bikorwa bikazamenyeshwa Inama Njyanama.

Ku kibanza cyasabwe (ahasanzwe hazwi ku izina rya Guest House) kugira ngo hubakwemo hoteli igezweho; Abajyanama bamenyeshejwe ko igenagaciro ryacyo n'ibikirimo ringana na 106,570,000 RWF, banamenyeshwa kandi ko "procedure"s zo kukivana mu mutungo rusange wa Leta ngo gishyirwe mu mutungo bwite w'Akarere zitararangira, maze bemeza ku bwumvikane busesuye ko Komite Nyobozi yagumya gukurikirana "procedures" zavuzwe haruguru kugira ngo zirangire vuba.

Mu kwanzura kuri ibi bibanza bitatu; Abajyanama bemeje ku bwumvikane busesuye ko bahaye Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi ububasha bwo kuzasuzuma no gufata imyanzuro ku bisigaye byose byasabwe n'Inama Njyanama birebana n'iki kibazo ndetse bakazanakirangiza burundu; ariko uko cyarangijwe bikazamenyeshwa Inama Njyanama.

II. GUSUZUMA NO KWEMEZA TARIF NSHYA Y'IMISORO N'AMAHORO MU KARERE KA NYAMAGABE

Abagize Inama Njyanama bashingiye ku bivugwa mu Iteka rya Perezida No 25/01 ryo ku wa 09/07/2012 rishyiraho urutonde kandi rigena ibipimo ntarengwa by'amahoro n'andi mafaranga yakirwa n'inzego z'ibanze, bagendeye kandi ku bitekerezo abaturage batanze bagararaza imisoro imwe n'imwe ibaremereye, bemeje ku bwumvikane busesuye tarif nshya y'imisoro n'amahoro nk'uko igaragara ku mugereka w'ibi byemezo.

Inama Njyanama yemeje kandi ku bwumvikane busesuye ko iyi tarif igomba gusobanurirwa mu buryo bwa vuba inzego zinyuranye zishinzwe kuyishyira mu bikorwa ndetse n'abandi ireba bose.

III. GUSUZUMA RAPORO YA KOMITE NYOBOZI IGARAGAZA IBYAKOZWE N'UKO UMUTUNGO WAKORESHEJWE MU MWAKA WA 2012-2013

Abagize Komite Nyobozi bahawe ijambo maze bageza ku Bajyanama raporo ikubiyemo ibikorwa byagezweho mu mwaka wa 2012-2013 harimo n'imihigo; banerekana ndetse na raporo igaragaza uko ingengo y'imari y'umwaka wa 2012-2013 yakoreshejwe. Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku byakozwe basanze ibyinshi byaragezweho ku kigereranyo kiri hejuru ya 90% ndetse hari n'ibyagezweho ijana ku ijana maze barabyishimira.

Inama Njyanama yasanze kandi ku ngengo y'imari ivuguruye yanganaga na Miliyali icumi na Miliyoni magana icyenda na cumi na zirindwi n'ibihumbi magana inani na mirongo itatu n'umunani na magana atandatu na cumi n'arindwi (10,917,838,617 Rwf) kugeza mu mpera za Gicurasi 2013 harashoboye kwinjira Miliyari umunani na Miliyoni magana arindwi na mirongo irindwi n'ibihumbi magana abiri na mirongo ine na magana arindwi na mirongo inani n'abiri (8,770,240,782 Rwf) bingana na 80.33% by'ayari ateganijwe kwinjira. Kuri aya mafaranga 8,770,240,782 Rwf yashoboye kwinjira hakoreshejwe angana na 8,130,478,289 Rwf bingana na 92.71% by'amafaranga yabonetse.

IV. GUSUZUMA NO KWEMEZA INGENGO Y'IMARI Y'AKARERE KA NYAMAGABE, IBIKORWA BIJYANYE NAYO N'IMIHIGO BYO MU MWAKA WA 2013-2014

Abagize Komite Nyobozi bagejeje ku Nama Njyanama icyegeranyo cy'ingengo y'imari iteganyijwe, ibikorwa bijyanye nayo hamwe n'imihigo by'umwaka wa 2013-2014. Bamaze kubyungurana ho ibitekerezo, Abajyanama basanze ibyateguwe byarashingiye ku nkingi enye za Guverinoma ari zo Ubukungu, Imibereho myiza, Imiyoborere myiza n'Ubutabera, byarashingiye ku ntego z'ikinyagihumbi, byarashingiye ku ngamba zo kurwanya ubukene (EDPRS II) byarashingiye kuri gahunda ya manda ya Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'imyaka irindwi, byarashingiye ku myanzuro y'umwiherero w'Abayobozi Bakuru b'igihugu uheruka ndetse byaranashingiye no ku igenamigambi ry'Akarere ry'imyaka itanu''DDP''(2013-2018) maze barabyishimira.

Inama Njyanama ishingiye ku biteganywa n'amategeko yemeje ku bwumvikane busesuye mu ruhame ingengo y'imari y'Akarere ka Nyamagabe y'umwaka wa 2013-2014 ingana n'amafaranga y'u Rwanda Miliyari icumi, Miliyoni Magana inani n'eshanu, Ibihumbi Magana

cyenda mirongo cyenda n'umunani n'ijana na mirongo itatu n'icyenda (**10,805,998,139 frw**); inemeza n'ibikorwa bijyanye nayo ndetse n'imihigo y'Akarere y'umwaka 2013-2014

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga icyemezo cy'Inama Njyanama no: 06 cyo kuwa 30/6/2013 gishyiraho ingengo y'imari y'Akarere y'umwaka wa 2013-2014 n'inyandiko zigaragaza ku buryo burambuye aho amafaranga azinjizwa azaturuka, ibyo azakoreshwamo ndetse n'imihigo y'umwaka wa 2013-2014.

Inama yatangiye imirimo yayo saa tanu n'iminota icumi (11h10), iyisoza saa kumi n'iminota makumyabiri (16h20).

Umwanditsi w'inama:

AYINKAMIYE Donatille

Umunyamabanga w'Inama Njyanama

Umuyobozi w'inama:

ZINARIZIMA Diogene

Perezida w'Inama Njyanama